INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAFOROMOKAZI, ABAFOROMO N'ABABYAZA
NATIONAL COUNCIL OF NURSES AND MIDWIVES
CONSEIL NATIONAL DES INFIRMIERES, INFIRMIERS ET DES SAGES-FEMMES
P.O BOX 4259 KIGALI MOB. TEL : (250) 788386969 E-MAIL : info@ncnm.rw

**ITANGAZO RIGENEWE ABAKANDIDA BAKOZE IBIZAMINI MU UGUSHYINGO 2021**

Ubuyobozi bw'Inama y'Igihugu y'Abaforomokazi, Abaforomo n'Ababyaza (NCNM) buramenyesha abakandida bakoze ikizamini cyo kwandika (Written exam) n' icy'ubumenyingiro (Practical exam) mu Ugushyingo ko amanota yatangajwe, ushaka kumenya amanota yagize yanyura kuri uyu muyoboro:

**https://www.ncnm.rw/applications/licensing-examination-results**

Ubuyobozi bwa NCNM buboneyeho umwanya wo kumenyesha uwaba atanyuzwe n'amanota yabonye ko ashobora kujurira mu gihe cy'iminsi itanu y'akazi (5) uhereye none tariki 28/12/2021 yerekanye inyemezabwishyu y'ibihumbi bitanu (5,000 frws) y'amafaranga y' u Rwanda nk'uko biteganywa mu mategeko n'amabwiriza agenga ibizamini. Ujurira yuzuza urupapuro (Form) rwabugenewe wasanga ku rubuga rwa NCNM anyuze kuri

**https://www.ncnm.rw/documents/COMPLAINT%20FORM.pdf** akohereza ubujurire bwe kuri email address: **examclaims@ncnm.rw**

Uwaba atibonye ku rutonde kandi yarakoze ikizamini na we arasabwa kuzuza uru rupapuro nk'uwibonye ntanyurwe, ariko we nta mafaranga yishyura.

Uru rupapuro (Form) ni ngombwa ko rwuzuzwa neza ntagisimbutswe kuko amakuru yashyizweho yose aba akenewe mu gihe cyo gusuzuma ubwo bujurire.

**ICYITONDERWA:**

Abatsinze bemerewe guhita bandika basaba kwandikwa muri Rejisitiri (Appliction for Registration) basaba ibyangombwa banyuze k'urubuga rwa NCNM (**www.ncnm.rw**)

Abatsinzwe bashyizwe mu **byiciro bitatu** nk'uko biteganywa n'amategeko n'amabwiriza agenga ibizamini mu buryo bukurikira.

- Icyiciro cya mbere (**CAT1**): bagize amanota mbumbe ari hagati ya 40-59,9%, bakaba bemerewe kwiyandisha basaba kuzasubiramo ibizamini.

- Icyiciro cya kabiri (**CAT2**): bagize amanota mbumbe ari hagati ya 30-39,9%, bakaba bagomba kujya mu mahugurwa (Catch-up) hakurikijwe amategeko abiteganya mbere yuko bemererwa gusubiramo ibizamini.

- Icyiciro cya gatatu (**CAT3**): bagize amanota mbumbe ari munsi ya 30%, bakaba batemerewe kuzongera gukora ibizamini.

Ku bindi bisobanuro mwahamagara nomero ya Telefoni: 0788386969, cyangwa mukandika kuri WhatsApp yayo ndetse no ku mbuga nkoranyambaga za NCNM mu masaha y'akazi.

Mugire amahoro.

**KAGABO Innocent**

**Umwanditsi Mukuru wa NCNM**